RUD-URUNANA
Tel-Fax:
001-201-794-6542
001-506-461-3919
URL: www.rud-urunana.org

Urunana rw'Abaharanira Ubumwe na Demokarasi

Ralliement pour l'Unité et la Démocratie

Rally for Unity and Democracy

UBUTUMWA UMUYOBOZI W'URUNANA AGEZA KU BANYARWANDA KW'ISABUKURU Y'IMYAKA 45 IGIHUGU CYACU KIGEZE KU BWIGENGE

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Mu izina ry'Urunana rw'Abaharanira Ubumwe na Demokarasi (RUD-Urunana) no mu izina ryanjye bwite, mbifurije isabukuru ya 45 y'ubwigenge. Mu gihe twibuka iyi sabukuru, tuzirikane ko kugirango Abanyarwanda bagere ku bwigenge ni uko hari abemeye guharanira ko igihugu cyacu kiva ku ngoma ya gihake na gikolonize. Kugirango bagere ku ntego bari biyemeje, abo Banyarwanda baraye rwa ntambi, bakenyeye umukanda ndetse bamwe batanga ubuzima bwabo. Nidukurikize rero urugero rwiza baduhaye maze dufatire hejuru ibyiza twagejejweho n'izo ntwari zitanze zitizigamye.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Twibutse bwa 45 ubwigenge mu bihe bikomeye; FPR-Inkotanyi yahagurukiye gupfobya no guharabika igikorwa ngirakamaro cyakozwe n'abana b'u Rwanda nk'uko no mu bindi bihugu byagiye bigenda. Umutwe wa politiki uyobora u Rwanda wihaye guhindura amateka, ariko ukuri ntiguhinduka. Twibuke kandi tubwire abatabizi nabo bamenye ko imvururu FPR iheraho iharabika icyo gikorwa, zabanjirije isabukuru y'ubwigenge zitateguwe kandi zitashojwe n'ababuharaniraga. Ahubwo zashojwe n'abari bagamije gukomeza gukandamiza Abanyarwanda. Abo nibo bagabye igitero ku murwanashyaka Dominiko Mbonyumutwa kuwa mbere Ugushyingo 1959. Kubera umwuka wari mu gihugu, izo mvururu zatangiriye aho igitero cyakorewe maze zikwira igihugu cyose. Ni gutyo Revolisiyo ya 1959 ishyira ubwigenge yafashe isura abayiharaniraga batari bateganyije kuyiha.

N'ubwo Ingoma ya gihake na gikolonize yasezerewe kuwa mbere Nyakanga 1962, yagarutse ifite indi sura. Iyo sura mvuga, ni ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi bwakandamije Abanyarwanda ku buryo bwose. Ubu butegetsi bwa FPR-Inkotanyi burica bugakiza, bukoresheje ingufu za gisilikare. Nkuko mu bizi nta zindi ngufu bufite, nta bundi bushobozi bufite; si politiki iboneye, si ibitekerezo bihamye, si imigambi myiza bugaragariza Abanyarwanda; ahubwo bukoresha igitugu muri byose.
Agatsiko kari ku isonga ya FPR-Inkotanyi gasa na kariya kashoje imvururu z'Ugushyingo 1959, niko kateje amarorerwa yagwiriye Abanyarwanda kica Prezida wa Repubulika y'Urwanda Juvenali Habyarimana na Prezida wa Republika y'Uburundi Sipiriyani Ntaryamira ku itari 6 Mata 1994 nyuma kamara

gutsinda ka kagera aho kambura Abanyarwanda ubwigenge, uburenganzira ndetse n’imitungo yabo.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Nyuma y’imyaka 45 dusubiranye ubwigenge, ibyo twaharaniye byose byaburijwemo ku buryo nta gisobanuro cyabwo Umunyarwanda abona mu buzima bwe bwa buri munsi. Abategetsi ba FPR-Inkotanyi biyeguriye umutungo wa Leta maze bawugurisha n'amasosiyeti bafitemo inyungu; bambuye Abanyarwanda amasambu yabo barayigarurira; nibo bakora ubucuruzi bihishe inyuma y’ibigo bifite amazina atabarika; nibo bihishe inyuma y’ibinyamakuru byitwa ko byigenga; nibo bihishe inyuma y’imiryango yigenga ikorera mu Rwanda, kandi bakora ibishoboka byose ku girango amarorerwa bakorera Abanyarwanda adatangazwa. Ubutegetsi bw’igitugu butagendera ku mahame ya demokarasi bukomeje kubeshya Abanyarwanda n'amahanga, buniga ubutabera ubu burangwamo irondabwoko. Birababaje kuba twijihije imyaka 45 y’ubwigenge rubanda rugufi rwabohojwe ingoma ya gihake na gikolonize kuwa 1 Nyakanga 1962, ruhonyorwa, rurengana, rutaka ntihagire uwumva ngo rurenganurwe.

Abayobozi ba Leta iriho bakagombye kumva ugutaka kw’Abanyarwanda, ni bamwe bagize uruhare mu marorerwa yabaye mu Rwanda kuva kuwa mbere Ukwakira 1990 bakomeza gahunda yabo ndende muri Mata 1994 na magingo aya batarunamura icumu.
Abo bicanyi bayobora igihugu bahatira Abanyarwanda n’amahanga kubagira abere kandi aribo ba nyirabayazana, ba gashozamvururu, gashoza ntambara.
Aho ibihe bigeze nyamara, abayobozi b’Ibikomangoma bya FPR-Inkotanyi bamaze kuba ba ruharwa nyuma y’aho wa mucamanza Bruguiere ashyize ahagaragara impapuro zo kubafata.

Uko bigaragara ubu, ni uko agatsiko kayobora u Rwanda kagikomeje umutsi, gafatanyije na ba Mpatsibihugu ndetse na bimwe mu bihugu by’Afrika mu gukandamiza Abanyarwanda, kubacamo ibice bamwe bakaba abacakara, bakavutswa uburenganzira bwabo aho bari hose, abandi bakaba abatoni bakabona byose, gukora gahunda y'amajyambere itonesha bamwe ikirengagiza abandi, gukenesha abaturage bo mu cyaro, no gusahura u Rwanda. Ako gatsiko kabuza bamwe mu Banyarwanda cyane cyane abakene kugera ahantu kababuza, ku buryo nta kwishyira ukizana bafite mu gihugu cyabo, kagaruye umususu, urwango, urwikekwe n'agasuzuguro mu Banyarwanda. Nta buhake, nta bukolonize rero buruta ubwo.

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Kuva bimaze kugaragara ko ubwigenge Abanyarwanda bari bigejejeho bubangamiwe cyane n’ubutegetsi bubi buri i Kigali, Urunana rw’Abaharanira Ubumwe na Demokarasi (RUD-Urunana) rufatanyije na RPR, ruzakomeza guharanira ko Abanyarwanda twava mu bukolonize bwa FPR-Inkotanyi

n’abayishyigikiye. Hambere mwumvise ko hari abanyamuryango ba RUD-Urunana na RPR bafashwe bagahabwa u Rwanda n’igihugu cya Uganda, ubu bakaba baborera muri gereza. Igikorwa cy’iterabwoba nk’icyo kigayitse ntikigomba guca Abanyarwanda intege. Urugamba rwo guharanira demokarasi, uburenganzira bw’ikiremwa muntu, imibereho myiza y’Abanyarwanda bose, amajyambere asaranganyijwe, ibiganiro bihuza Abanyarwanda (dialogue inter-rwandais) rurakomeje kandi nidufatanya twese tuzarutsinda.

Muri iki kinyejana cya makumyabiri na rimwe ntabwo Abanyarwanda bazemera ubucakara bwa FPR-Inkotanyi cyangwase uwo ariwe wese. Iminsi y’butegetsi bushingiye kw’ivangura ry’amoko, ubwicanyi, ubuja, ubujura, ruswa, ibinyoma, n’ubwikanyize irabaze. Nibyo koko urugamba rurakomeye kuko uwo duhanganye nawe afite intwaro zihambaye, amayeri, akarimi keza n’inshuti zimuhagarikiye zikomeye.
Nyamara n’ubwo afite intwaro n’izo nshuti, nidufatanya, tukagira ubutwari n’ubushake FPR-Inkotanyi tuzayikiza.

Imana y’i Rwanda Ikomeze iduhe umugisha.

Dufatane urunana turubohoze.

Bikorewe i Washington, DC kuwa 1 Nyakanga 2007

Dr. Jean-Marie Vianney Higiro
Umuyobozi w’Urunana rw’Abaharanira Ubumwe na Demokarasi
RUD-Urunana